IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYARUGENGE YO KUWA 11/08/2016

IRIBURIRO

Kuwa kane tariki ya 11/08/2016, mu cyumba cy'inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana MUNYAKAZI Isaac.

ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA

1. Umujyanama MUNYAKAZI Isaac
2. Umujyanama KAJIWABO MUPENDA Joseph Poers
3. Umujyanama MUKANKUSI Léonille
4. Umujyanama BATETA Jeanne
5. Umujyanama BISHOKANINKINDI Dawudi
6. Umujyanama BUSERUKA Omer Luc
7. Umujyanama HABARIMANA Chantal
8. Umujyanama KABANO Jacqueline
9. Umujyanama KANANGA Richard
10. Umujyanama KAYIRANGA Eric
11. Umujyanama KAYISIME NZARAMBA
12. Umujyanama MUKAMUGEMA Jeanine
13. Umujyanama MUKARUKIZA Felister
14. Umujyanama MUKASHYAKA Immaculée
15. Umujyanama MUKAYIRANGA Georgine
16. Umujyanama MUTSINZI Antoine
17. Umujyanama MWENZANGU Laurent
18. Umujyanama NDAYISENGA J.M.V.
19. Umujyanama NIWEMUGENI Prudence
20. Umujyanama NSABIMANA Vedaste
21. Umujyanama Dr NYAMUSORE MWANZA José
22. Umujyanama NYIRASHYIRAMBERE Marie Josée
23. Umujyanama RUTABINGWA Fernand

UKO INAMA YAGENZE

Inama yatangiye haririmbwa indirimbo yubahiriza Igihugu, hanyuma Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira Abajyanama bayitabiriye. Umuyobozi w'inama yaboneyeho gusobanurira abari mu nama impamvu inama idasanzwe yatumijwe, ababwira ko ari ukubera Imihigo y'Akarere umwaka 2016-2017 igomba kwemezwa n'inama y'Inama Njyanama mbere y'uko Umuyobozi w'Akarere ayisinyana na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, bityo bikaba byihutirwa ko Abajyanama bayumva ndetse bagatanga n'ibitekerezo byabo kuri iyo mbanzirizamushinga.

Umuyobozi w'inama yaboneyeho kwibutsa Abajyanama ko ingingo iri ku murongo w'ibyigwa ari imwe gusa, ari yo:

1. Gusuzuma no kwemeza Imihigo y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017.

GUSUZUMA INGINGO N'IMYANZURO YAFASHWE

Ingingo ya mbere : Gusuzuma no kwemeza Imihigo y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017.

Umuyobozi w'inama yahaye ijambo Umuyobozi Mukuru w'imirimo rusange mu Karere ka Nyarugenge Bwana MUSAFIRI Leonidas ngo ageze ku Bajyanama imihigo y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017. Nyuma yo kugezwaho imihigo y'Akarere, Abajyanama batanze ibitekerezo binyuranye bishingiye ku Ingengo y'Imari y'Akarere 2016-2017 yemejwe, kuri gahunda y'ibikorwa by'Akarere (action plan) kugirango harebwe uburyo Imihigo y'Akarere hashingiwe kuri izo ngingo.

Nyuma yo kunguranana ibitekerezo, no kugirango Imihigo y'Akarere 2016-2017 inozwe neza, Abajyanama bafashe umwanzuro ukurikira:

Umwanzuro nº 43/06/2016 :

Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge yemeje ko imbanzirizamushinga y'Imihigo y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017 yazasuzumwa na za Komisiyo zigize Inama Njyanama bari kumwe n'abakozi bashinzwe gukurikira imihigo kuri uyu wa mbere tariki ya 15/08/2016 isaa tatu za mu gitondo.

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'Abajyanama bari mu cyumba cy'inama.

Icyitotonderwa: Imbanzirizamushinga y'Imihigo y'Akarere ka Nyarugenge 2016-2017 ishyizwe ku mugereka w'iyi myanzuro

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo saa kumi n'ebyiri n'iminota cumi n'itanu (18h15) z'umugoroba isoza imirimo yayo saa mbiri n'igice (20h30) z'ijoro.

Bikorewe i Nyarugenge, kuwa 11 Kanama 2016.

Umwanditsi w'inama:

MUKANKUSI Léonille
Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge

Umuyobozi w'Inama

MUNYAKAZI Isaac
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge